## IGICE CYA GATATU: IMYIGISHIRIZE YA BURI MUTWE

## UMUTWE WA MBERE: UBURINGANIRE N'UBWUZUZANYE MU MURYANGO

### I.1 Ubushobozi bw'ingenzi bugamijwe

- Gusesengura imyandiko ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango.
- Gusesengura amazina no gukoresha mu nteruro amagambo yungutse yubahiriza isanisha rishingiye ku nteko z'amazina.

### I.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi

- Akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).
- Inshoza n'uturango by'izina (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).
- Ubumwe n'ubwinshi by'amazina (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).

### I.3 Igikorwa cy'umwinjizo

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa:**

*Uburinganire n'ubwuzuzanye mu Rwanda bumaze gutera imbere. Sobanura mu magambo yawe bwite uburyo uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango bwateye imbere utanga ingero zifatika.*

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango akabafasha kunoza ibisubizo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

- Nta mirimo ikigenewe umuntu uyu n'uyu mu bagize umuryango;
- Ikandamizwa n'ihohoterwa byarakendereye mu muryango nyarwanda;
- Abagize umuryango basigaye bajya inama ku bijyanye n'imikoreshereze y'umutungo, ubuzima bw'imyororokere n'ibindi.

| Intego zihariye |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

Inshingano z'abagize umuryango.

**b) Muri rusange uvuga ku biki?**

Inshingano z'abagize umuryango.

**c) Ni ba nde bavugwa muri uwo mwandiko?**

Abavugwamo ni abagize umuryango (umugabo, umugore n'abana).

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

**a) Ni izihe nshingano umugabo yahabwaga n'umuco wa kera?**

bakuzuzanya batitaye ku gitsina gabo cyangwa gore, kugira ngo bateze imbere urugo rwabo n'Igihugu muri rusange.

**Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho, inkoranyamagambo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo gusesengura umwandiko.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Umwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" wavugaga ku ki?**

Wavugaga ku nshingano z'umugabo, umugore n'abana.

**b) Ni iki wanenga umuco wa kera ku bijyanye n'inshingano z'abagize umuryango?**

Umuco wa kera wavanguranga inshingano z'abagize umuryango.

**c) Kuri ubu se ushima iki kuri izo nshingano?**

Nshima ko kuri ubu byahindutse, buri wese akaba yakora inshingano izo ari zo zose mu nyungu z'umuryango.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no gusesengura umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.*

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'izina mbonera gakondo utange ingero zaryo unazikoreshe mu nteruro ziboneye.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Izina mbonera gakondo**

**Inshoza y'izina mbonera gakondo**

**Izina** ni ubwoko bw'ijambo bita umuntu, inyamaswa, ikintu n'ahantu, rikabiranga ndetse rikabitandukanya n'ibindi.

**Izina mbonera** ryo ni izina rusange risanzwe, rigizwe n'uturemajambo tw'ibanze tutarenze dutatu (indomo, indanganteko n'igicumbi), ritari izina ry'urusobe kandi muri rusange ridakomoka ku nshinga. Rivuga abantu, ibintu cyangwa inyamaswa muri rusange. Ryitwa kandi izina nyakimwe. Ingero: umugabo, umugore, ishati…

**Izina mbonera gakondo** ni izina mbonera ariko rikaba ari umwimerere mu rurimi rw'Ikinyarwanda.
Ingero: ikibabi, umuhini, umuvure, imiseke, amazi, umutsima...

**Uturango tw'izina mbonera gakondo**

Izina mbonera gakondo rirangwa n'uko riba ari rimwe, ritari inyunge y'andi magambo kandi muri rusange ridakomoka ku nshinga rikaba ari umwimerere mu Kinyarwanda, ritaratiwe mu zindi ndimi.

**Ingero z'interuro zikoreshejemo amazina mbonera gakondo:**

1. **Umuryango** wubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye ugira amahirwe mu **buzima**.
2. **Igiti** kigororwa kikiri gito.
3. **Imirimo** yo mu **rugo** ikwiye gukorwa na bose.
4. Ni byiza kurera utavanguye **ibitsina**.

**Igikorwa**

Soma igika gikurikira maze ugaragaze niba harimo amazina atari umwimerere mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Umugore n'umugabo bakwiye kumenya ko igihe abana babo bagiye ku ishuri bagomba kubagurira amakayi, amakaramu n'ibikapu. Abana bajya ku ishuri bateze imodoka, amagare, moto n'ibindi.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**

Muri iki gika harimo amazina atari umwimerere mu Kinyarwanda ari yo: ishuri, amakayi, amakaramu, ibikapu, imodoka, amagare, moto n'ibindi.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga izina mbonera ry'iritirano.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'izina mbonera ry'iritirano bashake ingero zaryo banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'izina mbonera ry'iritirano utange ingero zaryo unazikoreshe mu nteruro ziboneye.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'izina mbonera ry'iritirano**

**Izina mbonera ry'iritirano** ni izina mbonera ariko rikaba ritari umwimerere mu rurimi rw'Ikinyarwanda ahubwo rikomoka mu ndimi z'amahanga.

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango* by'izina bwite n'izina rusange.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**a) Inshoza y'izina rusange**

Izina rusange ni ijambo ryitirirwa ikintu muri rusange nta mwihariko uriho rikagaragaza aho ikintu runaka gihuriye n'ibindi bihuje ubwoko.

**Ingero:** uburezi, abana, ibitsina, imirimo, agaciro, umugozi.

**b) Inshoza y'izina bwite**

Izina bwite ni ijambo ryitirirwa umuntu, inyamaswa, ikintu cyangwa ahantu izina byihariye, rikabiranga, rikabitandukanya n'ibindi bintu bihuje ubwoko.

**Ingero:** Giramata, Karenzi, Taba, Kayonza, Inyibutsa, Muhabura, Muhazi, Nyabarongo, Nyungwe.

**c) Uturango tw'izina rusange n'izina bwite**

Izina rusange n'izina bwite yose ni amazina, ariko atandukanira ku nyito yayo. Izina rusange mu nyandiko ritangirwa n'inyuguti nto, rishobora no kujya mu bwinshi, mu gihe izina bwite rivuga umuntu, inyamaswa, ikintu cyangwa ahantu byitwa by'umwihariko, mu nyandiko rigatangizwa inyuguti nkuru, kandi muri rusange ntirigire ubwinshi.

**Umwitozo ku mazina bwite n'amazina rusange**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, umwarimu akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

**Erekana amazina bwite n'amazina rusange ari muri izi nteruro:**

14) Mama we yabyutse mu ruturuturu ajya gushaka **ubwatsi**.
15) Iyo bakata urwondo **ukuguru** kurahababarira.
16) **Ahantu** hubakwa inzu hagomba gusuzumwa no gutegurwa neza.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**

1) umugore, umugabo
2) abasore, abakobwa
3) umutaka, umusoro
4) imihini, imineke
5) iriba, ishuri
6) amatara, amata
7) ikigo, ikibabi
8) ibitoki, ibihingwa
9) ihene, imodoka
10) intebe, imbeba
11) uruhu, urugo
12) akabindi, agaseke
13) uducuma, utunyoni
14) ubunyobwa, ubwato
15) ukuboko, ugutwi
16) ahantu

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga inteko z'amazina.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'inteko z'amazina bashake n'ingero z'amazina ari mu nteko zinyuranye. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango* by'inteko z'amazina.

Amazina rusange: umwana, ikigori

**2. Inteko z'amazina mu rurimi rw'ikinyarwanda ni zingahe? Garagaza uturemajambo tuziranga.**

Inteko z'amazina ni cumi n'esheshatu

Uturemajambo tuziranga ni: mu, ba, mu, mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha.

**3. Tanga ingero z'amazina ari mu nteko zikurikira ugaragaze ubwinshi bwayo.**

**nt. 3:** umurima/ imirima

**nt. 7:** icyatsi/ ibyatsi

**nt. 11:** urugo / ingo

**nt. 16**: ahantu/ ahantu

**4. Inteko z'amazina mu rurimi rw'ikinyarwanda ni zingahe? Garagaza uturemajambo tuziranga.**

Inteko z'amazina ni cumi n'esheshatu

Uturemajambo tuziranga ni: mu, ba, mu, mi, ri, ma, ki, bi, n, n, ru, ka, tu, bu, ku, ha.

**5. Tanga ingero z'amazina ari mu nteko zikurikira ugaragaze ubwinshi bwayo.**

**nt. 3:** umurima/ imirima **nt. 7:** icyatsi/ ibyatsi **nt. 11:** urugo / ingo **nt. 16**: ahantu/ ahantu

• **Imyitozo nyagurabushobozi**

Umwarimu agena imyitozo ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire yabo, mu rwego rwo kubafasha kurushaho gucengerwa n'ibikubiye mu mutwe bamaze kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

**1. Gereranya ibivugwa mu mwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" n'ibyo ubona mu muryango wawe ndetse n'imiryango muturanye ibitekerezo ubonye ubyandike ku rupa**

Umwarimu azareba ibitekerezo binyuranye biganisha ku buringanire n'ubwuzuzanye, by'umwihariko ibiganisha ku nshingano z'abagize umuryango.

**2. Erekana icyo wumva cyakorwa kugira ngo ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rirusheho gushinga imizi mu muryango nyarwanda.**

- Abayobozi bakwiye gukomeza gukangurira abagize umuryango kubahiriza iri hame;
- Abarezi bagomba gutoza abanyeshuri akamaro k'uburinganire n'ubwuzuzanye bakiri bato;
- Ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye rikwiye gukomeza guhabwa umwanya no maradiyo n'ibindi bitangazamakuru binyuranye.

**e)** Kunywa ibiyobyabwenge ni **icyaha** gihanwa n'amategeko y'u Rwanda.
**f)** Baca umugani ngo: "**Agasaza** kamwera akandi kuzakamwa."

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**

a) Ibyatsi: i-bi-atsi

b) Umwana: u-mu-ana

c) Aborozi: a-ba-orozi

d) Ubwuzu: u-bu-uzu

e) Icyaha: i-ki-aha

f) Agasaza: a-ka-saza

g) Insina: i-n-tsina
h) - Inzira: i-n-yira
- Imfunguzo: i-n-funguzo
- Impamba: i-n-hamba
- Imbeba: i-n-beba
i) - Imfura: i-n-pfura
- indabo: i-n-rabo
- Umuhinzi: u-mu-hinzi
j) Impapuro: i-n-papuro
k) Impyisi: i-n-phyisi

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga uturemajambo tw'izina.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura uko bashaka uturemajambo tw'izina n'amazina n'amazina yatwo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi* ugaragaze uko bashaka uturemajambo tw'izina n'amazina n'amazina yatwo.

| |
|---|
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, imfashanyigisho z’iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi. |

## I. Intangiriro

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n’umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

**Urugero rw’ibibazo yabaza n’urugero rw’ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.
**b) Uwo mwandiko wibandaga ku biki?**
Ku bubi bw’ibiyobyabwenge.
**c) Erekana uburyo uyu mwandiko ufite ikiciro runaka cy’abantu wibandaho.**
Izi ngaruka umwandiko urazerekeza ku rubyiruko, ukagaragaza ko ari rwo rwibasiwe cyane n’iki cyorezo.

## II. Uko isomo ryigishwa

### Gusoma no kumva umwandiko

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

### Igikorwa

*Soma umwandiko “Mucyo turwanye ibiyobyabwenge” maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
Mucyo turwanye ibiyobyabwenge.
**b) Umuhanzi yaranguruye ijwi abwira nde?**
Abana bacu Rwanda rw'ejo.
**c) Yasoje asaba iki?**
Kubifatira ingamba tukabirwanya twivuye inyuma.

## II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu byiciro by'abagira uruhare mu kiganiro mpaka, ubasabe gukora igikorwa cyo kujya impaka kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka abayobore mu gutanga ibitekerezo.

### Igikorwa

*Mu byiciro by'abagira uruhare mu kiganiro mpaka, muge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma mugere ku mwanzuro w'ikiganiro mpaka.*

**Insanganyamatsiko:**

Nta ngamba zishobora kubuza ibiyobyabwenge gusakara mu bana b'u Rwanda.

Shyira abanyeshuri mu byiciro by'abagira uruhare mu kigaaniro mpaka kugira ngo babone uko bakora icyo gikorwa.

Mu gihe bajya impaka, tega amatwi uko bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo ahakenewe ubwunganizi mu migendekere myiza y'impaka ubutange.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

**Urugero rw' umwanzuro wafatwa:**

Ingamba zirahari kuko igihe twese tuzaba twabihagurukiye, tukabirwanya twivuye inyuma, tugatanga amakuru y'aho tubizi hose. Leta na yo igafatira ibihano bikaze ababinywa n'ababicuruza, bizacika.

**- Gusesengura imyandiko ivuga ku bidukikije;**
**- Kwandika yubahiriza utwatuzo n'imikoreshereze y'inyuguti nkuru.**

**III.2 Ibyo umunyeshuri asanzwe azi**

- Akamaro ko kubungabunga ibidukikije (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).
- Imikoreshereze y'utwatuzo dusoza interuro (ikiciro cya 2 cy'amashuri abanza).

**III.3 Igikorwa cy'umwinjizo**

**Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.**

**Urugero rw'igikorwa:**

***Kubungabunga ibidukikije u Rwanda rwabigize intego. Sobanura mu magambo yawe uko ubona bihagaze.***

**Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku buringanire n'ubwuzuzanye mu muryango akabafasha kunoza ibisubizo.**

**Urugero rw'ibisubizo:**

**- Abantu bose basabwa kubungabunga ibidukikije aho batuye;**

**c) Gusobanura amagambo**

**Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.**

**Igikorwa**

***Soma umwandiko "Amazi n'akamaro kayo" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.***

**Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**1. Shaka impuzanyito z'amagambo akurikira ukurikije uko yakoreshejwe mu mwandiko**

**a) Avubukamo: asohokamo**

**b) Imivu: Isuri.**

**c) Uruhererekane: urukurikirane.**

**d) Guponda sima: kuyitunganya.**

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**

Amazi.

**b) Uvuga ku biki muri make?**

Ku nkomoko y'amazi n'akamaro kayo.

**c) Amazi yo kunywa agomba kuba ameze ate? Kuki?**

Agomba kuba asukuye. Kuko bitabaye ibyo yatera ingaruka ku buzima bw'uyanyoye.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

**Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.**

**Igikorwa**

***Soma umwandiko "Amazi n'akamaro kayo" maze usubize ibibazo byawubajijweho.***

**Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe**

**by’ikibonezamvugo n'ibindi.**

**I. Intangiriro**

**Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mikoreshereze y’inyuguti nkuru.**

**Igikorwa**

*Subiza ibibazo bikurikira:*

a) Mu kwandika Ikinyarwanda, iyo batangira interuro bakoresha inyuguti imeze ite?
b) Tanga urundi rugero rw’ahakoreshwa bene iyo nyuguti mu mabwiriza agenga imyadikire y’Ikinyarwanda.
Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

***Urugero rw’ibisubizo:***

a) Bakoresha inyuguti nkuru.
b) Urundi rugero rw’ahakoreshwa inyuguti nkuru mu mabwiriza agenga imyadikire y’Ikinyarwanda: Ku nyuguti itangira amazina y’amezi n’ay’ibihe by’umwaka.
**Urugero**:
Mu **I**tumba hagwa imvura nyinshi cyanecyane muri **M**ata.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imikoreshereze y’inyuguti nkuru.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Inyamaswa zo mu mazi.

2. **Tanga ingero z'inyamaswa zo mu mazi zivugwa uri uwo mwandiko.**

   Amafi, ingona, imvubu, inzoka.

3. **Ni akahe kamaro kazo?**

Zimwe muri zo ziraribwa, urugero nk'amafi; izindi abakerarugendo baza kuzireba bakadusigira amadovize.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

***Soma umwandiko "Inyamaswa zo mu mazi" maze usubize ibibazo byawubajijweho.***

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Sobanura ibyiciro by'ingenzi dusangamo inyamaswa zo mu mazi uvuge n'ibiranga buri kiciro.**

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no gusesengura umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

***Soma umwandiko "Inyamaswa zo mu mazi" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.***

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

***Ibibazo n'ibisubizo byo gusesengura umwandiko.***

1. **Vuga insanganyamatsiko ikubiye muri uyu mwandiko.**

   Inyamaswa ziba mu mazi.

2. **Erekana ingingo z'ingenzi ziri muri uyu mwandiko?**

   Amoko y'inyamaswa zo mu mazi; imibereho yazo; akamaro kazo.

3. **Sobanura aho izo ngingo z'umwandiko zihuriye n'ubuzima bwa buri munsi?**

Ibivugwa ni ibyo tubano mu buzima bwacu bwa buri munsi. Ibidendezi by'amazi bibamo inyamaswa nyinshi. Izi nyamaswa zibaho mu buryo

**Igikorwa**

*Subiza ikibazo gikurikira:*

Iyo bandika  interuro babigenza bate kugira ngo ubutumwa bukubiyemo bwumvikane neza?

***Urugero rw'igisubizo:***

Bakoresha ibimenyetso bitari inyuguti byitwa utwatuzo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga imikoreshereze y'utwatuzo tw'ibanze.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n'utwatuzo tw'ibanze. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi usuzume interuro zikurikira utahure utwatuzo turimo usobanure n'imikoreshereze yatwo.*

a) Ibidendezi by'amazi, imigezi, inzuzi, ibiyaga n'inyanja bigenda birutana ubunini.

b) Mu mazi habamo udukoko duto kugera ku nyamaswa za karahabutaka.

**Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.**

**Urugero rw'igikorwa:**

**Kwimakaza umuco w'amahoro ni ngomba kuri buri muntu.** ***Sobanura mu magambo yawe uko ubyumva.***

**Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku kwimakaza umuco w'amahoro akabafasha kunoza ibisubizo.**

**Urugero rw'ibisubizo:**

- Abantu bose bakwiye kwimakaza umuco w'amahoro babana mu bwubahane;

- Mu gihe cyo kungurana ibitekerezo, mu nama, muri gahunda zinyuranye zihurirwaho n'abantu, buri wese agomba kubaha mugenzi we akirinda kumubangamira.

**III.4. Amasomo ari mu mutwe wa kane n'igihe yagenewe**

| **Umutwe wa kane: Umuco w'amahoro** | | **Umubare w'amasomo: 21** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Umwandiko: Imibanire y'abantu** | | |
| **Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko.** | **- Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe.**<br>**- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo** | **Isomo 1** |

**a) Umwandiko duheruka gusoma ufite uwuhe mutwe?**

Imibanire y'abantu.

**b) Ni nde watubwira muri make inkuru ivugwa mu mwandiko?**

**Umwandiko uravuga ko amakimbirane ashobora guturuka ku kantu gato maze kakagenda gakura.**

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

**Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.**

**Igikorwa**

***Soma umwandiko "Imibanire y'abantu" maze usubize ibibazo byawubajijweho.***

**Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.**

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

1. **Uyu mwandiko uranenga iki muri rusange?**
Amakimbirane aba mu bantu kandi atari ngombwa.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga amagambo ahinduka n'amagambo aadahinduka.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ubushakashatsi bagaragaze amoko anyuranye y'amagambo hanyuma berekane n'uko yashyirwa mu byiciro bakurikije ko ashobora guhinduka cyangwa adashobora guhinduka. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi ugaragaze amoko anyuranye y'amagambo hanyuma werekane n'uko yashyirwa mu byiciro ukurikije ko ashobora guhinduka cyangwa adashobora guhinduka.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

1. Amoko y'amagambo

Iyo tuvuga cyangwa twandika, dukoresha amagambo kugira ngo igitekerezo cyacu kigere ku bandi. Icyakora ntawakwirengagiza ko hari n'ibindi bimenyetso bitari

**Isomo rya karindwi: Gusoma no kumva umwandiko**

| |
|---|
| **Intego zihariye** |
| **Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:**<br><br>**Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho.** |
| **Imfashanyigisho: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.** |

**I. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**
Umurage w'umubyeyi.
**b) Ni ba nde bavugwa muri uwo mwandiko?**
Abavugwamo ni umusaza Ruzima n'abana be, abahungu batatu n'abakobwa batatu.
**c) Muri rusange uvuga ku biki?**
Uvuga ku mpanuro uwo musaza yahaye abana be abatoza kuzaba inyangamugayo.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ubushakashatsi bagaragaze **inshoza y'isanisha, n'amategeko agenga isanisha** ry'amagambo mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi* garagaze **inshoza y'isanisha, n'amategeko agenga isanisha** ry'amagambo mu nteruro.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'isanisha ry'amagambo mu nteruro**

Isanisha ni uburyo interuro yubatse igizwe n'urukurikirane rw'amagambo harimo ijambo andi yose yiyungaho bityo akagirana isano na ryo. Iryo jambo riba rigenga amasano ari na yo mpamvu ryitwa ijambo ngengasano. Amagambo yisanisha na ryo afata indangasano ishobora gutuma ajyana na ryo mu nteruro ku buryo interuro iba idakocamye.

**Amategeko agenga isanisha**

Muge mwubaha ibitekerezo by'abandi, cyanecyane mwemere kugirwa inama. Umunyarwanda yaravuze ati: "Nyamwanga kumva ntiyanze no kubona". Nimugenza uko mbabwiye muzarama kandi ikibi ntikizabatera ubwoba.

**Isomo rya cumi na kabiri: Amoko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo.**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>**- Kugaragaza inshoza ya buri bwoko bw'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo**.<br>**- Kugaragaza uturango twa buri bwoko bw'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo.** |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu aha abanyeshuri ibibazo bibaganisha ku moko y'interuro.

**Igikorwa**

*Itegereze interuro zikurikira ugire icyo uvuga ku butumw a wumva zitanga.*

1. Umunyeshuri wize neza aratsinda.
2. Genda vuba abandi batagusiga.
3. Mbega agasaro keza weee!
4. Usigaye wiga he?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

***Urugero rw'ibisubizo:***

| **Interuro** | **Ubutumwa itanga.** |
|---|---|
| 1. Umunyeshuri wize neza aratsinda. | Kumenyesha ikintu muri rusange. |
| 2. Genda vuba abandi batagusiga. | Gutegeka. |
| 3. Mbega agasaro keza weee! | Amarangamutima yo gutangara. |

| | |
|---|---|
| 4. Usigaye wiga he? | Amarangamutima y'ikibazo. |

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga amoko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo.

## II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'amoko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

### Igikorwa

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango* by'amoko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza n'uturango by'amoko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo**

1. **Interuro ihamya**

   Interuro ihamya ni interururo ikoreshwa iyo umuntu amenyesha ikintu, avuga igitekerezo ke atanga ingingo. Mu nyandiko interuro ihamya isozwa n'akabago.
   Ingero: - Buhorobuhoro ni rwo rugendo.
   - Umunyeshuri mwiza yubaha abarezi be.

2. **Interuro ibaza**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo ku moko y'interuro hakurikijwe ubutumwa bukubiyemo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

**Erekana ubwoko bw'interuro zikurikira ukurikije ubutumwa bukubiyemo:**

**1. Uzajya i Kigali ryari ngo tuzajyane?**
Interuro ibaza.
**2.Umwana mwiza yumvira ababyeyi.**
Interuro ihamya.
**3. Taha butarira.**
Interuro itegeka.
**4. Ntoye isaro ryiza mama weee!**
Interuro itangara.
**5. Wabonye amanota angahe?**
Interuro ibaza.

## 4.5. Isuzuma risoza umutwe wa kane

| **Ibigenderwaho mu isuzuma risoza umutwe wa kane** |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>- Ubushobozi bwo gusesengura umwandiko;<br>- Ubushobozi bwo guhanga umwandiko ashyiramo ingingo zose zisabwa kandi akoresha ikeshamvugo;<br>- Ubushobozi bwo kurondora no gutandukanya amagambo ahinduka n'adahinduka;<br>- Ubushobozi bwo kugaragaza uruhare rw'inteko z'amazina mu isanisha ry'amagambo agize interuro;<br>- Ubushobozi bwo kwandika interuro mbonezamvugo. |

**Urugero rw'igikorwa:**

*Sida ni icyorezo gihangayikishije isi. Sobanura mu magambo yawe uko ubona iki cyorezo gihagaze mu Gihugu cyacu.*

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku ku kubungabunga ubuzima harimo no kwirindAa SIDA akabafasha kunoza ibisubizo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

- Icyorezo cya Sida mu Gihugu cyacu na ho kirahari;
- Iki cyorezo kandi haracyari abagikerensa bishora mu mibonano mpuzabitsina mu buryo bw'akajagari;
- Hari n'abandi bishora mu bikorwa bibi byababakururira kucyandura nk'ubusinzi, gukoresha ibiyobyabwenge n'ibindi.
- Cyokora inzego zishinzwe ubuzima zahagurukiye kukirwanya zishyiraho gahunda z'ubukangurambaga mu kukirinda ndetse no gushakira abacyanduye imiti igabanya ubukana bwacyo.

**I.4. Amasomo ari mu mutwe wa gatanu n'igihe yagenewe**

| Umutwe wa gatanu: **Ubuzima** | | **Umubare w'amasomo: 19** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Umwandiko: Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo** | | |
| Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. | - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe.<br>- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. | **Isomo 1** |
| Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. | **Isomo 1** |
| Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. | **Isomo 1** |

**Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>Gusoma umwandiko no gusubiza neza ibibazo byawubajijweho. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, imfashanyigisho z'iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n'umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo.

**b) Muri rusange uvuga ku biki?**

Uko SIDA yandura n'uburyo bwo kuyirinda.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo" maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma

*Koresha ubumenyi bwawe usubize ibibazo bikurikira:*

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. **Imyandiko musoma iba iteye kimwe?**
2. **Ese insanganyamatsiko ziba zirimo ni zimwe?**

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

***Urugero rw'ibisubizo:***

1. Oya, imyandiko igira imiterere itandukanye.
2. Imyandiko igira insanganyamatsiko zitandukanye.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko ntekerezo.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe kongera gusoma umwandiko "Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo" maze bawugendereho batahura inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo ndetse n'imbata yawo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Tumenye SIDA n'ubwandu bwayo" maze uwugendereho utahura inshoza n'uturango by'umwandiko ntekerezo ndetse n'imbata yawo.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma

4 ……………………………………………………………………………………………. …

……………………………………………………………………………………………………………

……………………………………………………………………………………………………… ………

……………………………………………………………………………………………………

…………………………………….

**Ibisobanuro:**

1: umutwe 3: igihimba

2: intangiro 4: umusozo

**Intambwe zikurikizwa mu guhimba umwandiko ntekerezo**

$1^0$ Kumva neza insanganyamatsiko;
$2^0$ Gukusanya (gushaka) ibitekerezo ku nsanganyamatsiko;
$3^0$ Gutondeka neza ibitekerezo;
$4^0$ Kwandika ibitekerezo wubahiriza amabwiriza n'imbata by'umwandiko ndetse n'amabwiriza y'imyandikire.

**Umwitozo ku mwandiko ntekerezo**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora umwitozo uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

**Ibibazo n'ibisubizo by'umwitozo:**

**a) Tumenye ibishobora kuzamura imitsindire mu kigo cyacu**

Ingingo zatangwa: Ikinyabupfura, amahugurwa y'abarimu, imirire myiza, imikino n'imyidagaduro ikorewe igihe, ubuyobozi bufite ikerekezo, umuhate w'abanyeshuri, ubwitange bw'abarezi, ubufatanye hagati y'ababyeyi n'abarezi…

**b) Akamaro k'umurimo**

Ingingo zatangwa: Kubana ibitunga umuntu, kwikura mu bukene, iterambere.

**Isomo rya gatandatu: Umwandiko mvugo shusho**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gutahura inshoza y'umwandiko mvugo shusho n'ibiwuranga. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ubuvanganzo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

**Umwarimu ahereye ku mashusho ari mu gitabo cyabo abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku mwandiko mvugo shusho.**

**Igikorwa**

*Itegereze amashusho ari mu gitabo cyawe maze usubize ibibazo bikurikira:*

**Urugero rw'ibibazo yababaza:**

1. Ku ishusho murahabona iki?
2. Murabona iyi shusho yerekana he?
3. Murabona uyu mwandiko werekeza ku ki?

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

***Urugero rw'ibisubizo:***

1. Hariho inzu y'igorofa, ubusitani, umugezi…

2. Ashobora kuba ari ku ishuri.

3. Uyu mwandiko urerekeza ku gusobanura imitere y'iri shuri.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko mvugo shusho.

## II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gusoma umwandiko "Ishuri ryacu" maze bawugendereho batahura inshoza n'uturango by'umwandiko mvugo shusho. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Som umwandiko "Ishuri ryacu" maze uwugendereho utahura inshoza n'uturango by'umwandiko mvugo shusho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'umwandiko mvugo shusho**

Umwandiko mvugo shusho/mvugamiterere ni umwandiko ugaragaza/usobanura imiterere y'ikivugwa binyuze mu mvugo itaka imiterere yacyo. Twavuga nk'uyu mwandiko utaka ishuri, imiterere y'aho ryubatse, n'ibindi umuntu ashobora gukenera kumenya

**Uturango tw'umwandiko mvugo shusho**

Umwandiko mvugo shusho urangwa n'uko uba wanditse ku buryo utanga amakuru yose ku muntu, ahantu, inyamaswa cyangwa ikintu, mbese ugatanga ishusho.

**Umwitozo ku mwandiko mvugo shusho**

**e) Amagambo "Kwizihira agatimba cyangwa ikoti na karuvati" bivuze iki mu**
**mwandiko?**

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

***Urugero rw'ibisubizo:***

a) Ni umuvugo.
b) Wanditse mu mikarago kandi urimo n'injyana inogeye amatwi.
c) Ni nk'ururirimbo.
d) Wanditse mu nteruro ngufi zitwa imikarago.
e) Kwizihira agatimba bivuga gushyingirwa, umugeni yambaye agatimba ku munsi w'ubukwe. Ikoti na karuvati biragaragaza kwambara neza k'umukwe ku munsi w'ubukwe.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye gusobanura uturango tw'umuvugo.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe kungera gusoma umwandiko *"Muze twambarire urugamba"* bagasobanura uturango tunyuranye tw'umuvugo ugaragaze n'itandukaniro hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ongera usome umwandiko "Muze twambarire urugamba"utahure ibisobanuro by'uturango tunyuranye tw'umuvugo* ugaragaze n'itandukaniro hagati y'umwandiko ntekerezo, umwandiko mvugo shusho n'umuvugo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

mwandiko ntekerezo ho bavuga n'ibyo utabonesha amaso, wumva mu bwenge bwawe gusa ukemera ko byabaho kandi ari ukuri.

**Umukoro ku muvugo**

Umwarimu aha abanyeshuri umukoro wo guhanga umuvugo uvuga kuri SIDA uri mu gitabo cyabo.

### 5.4.3 Ikiganiro mpaka

**Isomo rya munani: Inshoza y'ikiganiro mpaka n'imitegurire yacyo.**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kugaragaza inshoza y'ikiganiro mpaka n'imitegurire yacyo.<br>- Kugaragaza abagira uruhare mu kiganiro mpaka. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu abanza kureba uko abanyeshuri bakoze umukoro ku muvugo, akabakosora abafasha kunoza aho batakoze neza. Hanyuma agahera ku mashusho ari mu gitabo cyabo akababaza ibibazo biganisha ku kiganiro mpaka.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a) Ku mashusho murabonaho iki?**

Hari abantu bicaye n'undi uhagaze.

**b) Bari he?**

Mu ishuri.

c) **Bariya bantu bicaye imbere murakeka ko bari gukora iki?**
Bari guhanahana ibitekerezo nk'abajya impaka.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikiganiro mpaka.

## II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza y' ikiganiro mpaka, intego yacyo n'. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

### Igikorwa

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza, intego y'ikiganiro mpaka, abagize ikiganiro n'inshingano zabo.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Ibisubizo byanogejwe:

**Ibiganiro mpaka**

**Inshoza y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka ni ikiganiro gikorwa n'abantu bagamije kungurana ibitekerezo ku nsanganyamatsiko yatanzwe. Haba harimo uruhande rushyigikira ibivugwa mu nsanganyamatsiko n'urundi rubihakana.

**Imitegurire y'ikiganiro mpaka**

Ikiganiro mpaka kiba kigomba gutegurwa, ndetse n'abajya impaka bakitegura, bagakora ubushakashatsi kugira ngo igihe nyirizina nikigera bazatange ingingo zifatika kandi zifite ireme. Mu mitegurire y'ikiganiro mpaka hari ibigomba kwitabwaho birimo insanganyamatsiko n'aho ikiganiro kigomba kubera ndetse n'abakigiramo uruhare.

**Abashobora kugira uruhare mu kiganiro mpaka**

1$^0$Umuhuza/umuyobozi w'ikiganiro,

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu byiciro by'abagira uruhare mu kiganiro mpaka, ubasabe gukora igikorwa cyo kujya impaka kigaragara mu gitabo cyabo. Basabe kwishakamo umuyobozi w'ikiganiro mpaka abayobore mu gutanga ibitekerezo.

**Igikorwa**

*Mu byiciro by'abagira uruhare mu kiganiro mpaka, muge impaka ku nsanganyamatsiko mwahawe, mwubahiriza uko bikorwa, hanyuma mugere ku mwanzuro w'ikiganiro mpaka.*

**Insanganyamatsiko:** Urubyiruko rugize uruhare mu kurwanya no kwirinda SIDA,
yacika burundu.

Shyira abanyeshuri mu byiciro by'abagira uruhare mu kigaaniro mpaka kugira ngo babone uko bakora icyo gikorwa.

Mu gihe bajya impaka, tega amatwi uko bitabira gutanga ibitekerezo kugira ngo ahakenewe ubwunganizi mu migendekere myiza y'impaka ubutange.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abahagarariye amatsinda kumurika ibitekerezo byo mu matsinda yabo uze kubafasha gufata umwanzuro ku byo bunguranyeho ibitekerezo wandikwe ku kibaho.

**Urugero rw'umwanzuro wafatwa:**
Urubyiruko rugize uruhare mu kurwanya SIDA yacika burundu kuko ari rwo rugize umubare munini w'abaturage.

### 5.4.4. Amoko y'imyandiko

**Isomo rya cumi: Inkuru ngufi (umwandiko mbarankuru).**

| **Intego zihariye** |
|---|

| |
|---|
| Nyuma y’iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br><br>Gutahura inshoza y’inkuru ngufi (umwandiko mbarankuru). |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, ibitabo by’ubuvanganzo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

**Umwarimu ahereye ku mashusho ari mu gitabo cyabo abaza abanyeshuri ibibazo biganisha ku** inkuru ngufi (umwandiko mbarankuru)**.**

**Igikorwa**

Itegereze amashusho ari mu gitabo cyawe maze usubize ibibazo bikurikira:

**Urugero rw’ibibazo yababaza n’ibisubizo:**

**1. Kuri iyi shusho urabonaho iki?**
Hariho umusore n’inkumi bagenda basa n’abagnira, hakabaho n’umuhanda ugana ku ivuriro.
**2. Utekereza ko bagiye he?**
Bashobora kuba bagiye kwa mu ganga.
**3. Kugira ngo umenye neza aho bagiye hakorwa iki?**
Byasaba ko hagira umbwira inkuru yabo cyangwa se nkayisoma.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga umwandiko mvugo shusho.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gusoma umwandiko “Munezero na mugenzi we” maze bawugendereho batahura inshoza n’uturango by’inkuru ngufi (umwandiko mbarankuru). Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

**I.3 Igikorwa cy'umwinjizo**

| Umutwe wa gatandatu: **Umuco nyarawanda** | | **Umubare w'amasomo: 25** |
|---|---|---|
| **Amasomo** | **Intego rusange** | **Umubare w'amasomo** |
| **Umwandiko: Indangagaciro z'umuco w'u Rwanda** | | |
| Isomo rya mbere: Gusoma no gusobanura umwandiko. | - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe.<br>- Gukoresha neza mu mvugo no | **Isomo 1** |

Umwarimu aha abanyeshuri igikorwa kibinjiza mu nsanganyamatsiko y'umutwe.

**Urugero rw'igikorwa:**

*Ingamba zo kubungabunga umuco nyarwanda zikwiye gutezwa imbere. Garagaza uko ubyumva utanga ingero zifatika.*

Umwarimu atega amatwi ibitekerezo bitandukanye abanyeshuri batanga ku ngamba zo kubungabunga umuco nyarwanda akabafasha kunoza ibisubizo.

**Urugero rw'ibisubizo:**

- Leta yashyizeho Minisiteri ifite umuco mu nshingano zayo;
- Hashyizweho kandi Inteko y'Umuco;
- Hasigaye haba amarushanwa y'ubuhanzi ndetse n'ibitaramo byo guteza imbere umuco nyarwanda.
- Gahunda n'imihango by'umuco wacu byari byaratakaye birimo gusubizwa agaciro nk'umuganura, itorero ry'Igihugu n'ibindi.

**I.4. Amasomo ari mu mutwe wa gatandatu n'igihe yagenewe**

| | | |
|---|---|---|
| | mu nyandiko amagambo yungutse. | |
| Isomo rya kabiri: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. | **Isomo 1** |
| Isomo rya gatatu: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. | **Isomo 1** |
| Isomo rya kane: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo. | Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe. | **Isomo 1** |
| **Umwandiko: Kwakirana urugwiro abakugana** | | |
| Isomo rya gatanu: Gusoma no gusobanura umwandiko. | - Gusoma umwandiko no gusobanura amagambo atari asobanukiwe.<br>- Gukoresha neza mu mvugo no mu nyandiko amagambo yungutse. | **Isomo 1** |
| Isomo rya gatandatu: Gusoma no kumva umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. | **Isomo 1** |
| Isomo karindwi: Gusoma no gusesengura umwandiko. | Gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. | **Isomo 1** |
| Isomo rya munani: Umwitozo w'ubumenyi ngiro: kungurana ibitekerezo. | Gutanga ibitekerezo bihamye ashize amanga ku nsanganyamatsiko bahawe. | **Isomo 1** |
| **Ntera** | | |
| Isomo rya kenda: Ntera. | - Kugaragaza inshoza, uturango n'intego bya ntera.<br>- Gukoresha ntera mu nteruro. | **Amasomo 2** |
| **Izina ntera** | | |
| Isomo rya cumi: Izina ntera | - Kugaragaza inshoza, uturango n'intego by'izina ntera.<br>- Gukoresha izina ntera mu nteruro. | **Isomo 1** |
| Igisantera | | |
| Isomo rya cumi na rimwe: Igisantera | - Kugaragaza inshoza n'uturango by'igisantera. | **Isomo 1** |

**a) Ku ishusho iri mu gitabo murabonaho iki?**
Hari umugore wicaye mu biro, imbere ye ku ntebe hicaye umusore.
**b) Ese bariya bantu murabona bari mu rwego rumwe?**
Oya; umugore arifashije cyane naho umusore biragaragara ko adakize cyane.
**c) Ese buriya uriya mukire afitiye urugwiro uriya woroheje?**
Yego; aramwishimiye kandi yamuhaye aho yicara.
**d) Bariya bantu bari he?**
Bari ahantu mu biro.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

1. **Umwandiko mwasomye witwa no iki?**

Kwakirana urugwiro abakugana.

2. **Umutwe w'uyu mwandiko ushatse kuvuga iki?**

Tugomba kwakira neza abaza batugana badushakaho serivisi zitandukanye.

3. **Hari imvugo ikunda gukoreshwa ivuga kwakira n'ibiganza bibiri umuntu uje akugana. Ni iyihe?** Kwakirana yombi.

**b) Gusoma baranguruye**
Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo**
Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**
*Soma umwandiko "Kwakirana urugwiro abakugana" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.*

Umwarimu yifashishije interuro zirimo izina ntera, asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo yanditse mu ibara, bakareba uko yagiye ahinduka maze bagatahura **imikoreshereze** n'umumaro byayo mu nteruro.

**Igikorwa**

Itegereze izi nteruro wahawe urebe uko aya magambo yanditse mu ibara yagiye ahinduka maze utahure imikoreshereze n'umumaro.

a) Ni ikigo **gishya** kigizwe n'amazu **maremare** agerekeranye.
**Igishya** kigizwe n'amazu maremare?
**Amaremare** ni yo gusa yubatse mu kigo cyacu.
b) Indabo **ndende** n'izindi ndabo **ngufi** zituma ikigo cyacu gisa neza.
**Indende** n'**ingufi** ni zo ndabo zituma ikigo cyacu gisa neza.
c) Akagezi gafite amazi **make** ariko **meza** cyane.
**Ameza** cyane ni amazi yo muri ka kagezi.
**Amake** akama vuba igihe k'izuba.

***Urugero rw'ibisubizo:***

Muri izi nteruro amagambo yanditse mu ibara yagiye ahinduka afata indomo kandi asa na ntera ariko atari ntera.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga izina ntera.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'izina ntera, bagaragaze n'intego yaryo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'izina ntera, unagaragaze intego yaryo*.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Isomo rya cumi na rimwe: Igisantera**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kugaragaza inshoza n'uturango n'intego by'igisantera.<br>- Gukoresha igisantera mu nteruro. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ibisantera, asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo yanditse mu ibara, bagatahura **imikoreshereze** n'umumaro byayo mu nteruro bayagereranya na ntera.

**Igikorwa**

**Itegereze izi nteruro maze amagambo yanditse mu ibara ugire icyo uyavugaho nurangiza uyagereranye na ntera usanzwe uzi.**

a) Bavuga ko ako ari agasozi **ndatwa**.

b) Imitsindire **ntagereranywa**.

c) Umubyeyi **gito** nta burere atanga.

d) Umuco **nyarwanda**.

e) Ibigo **mpuzamahanga**.

**Urugero rw'ibisubizo:**

Aya magambo iyo agereranyijwe na ntera, bigaragara ko afite aho ahuriye na ntera; afite umumaro nk'uwa ntera ariko ntasa na ntera.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ibisantera.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ubushakashatsi batahure inshoza n'uturango by'igisantera. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

z’iyumvabona, amashusho inkoranyamagambo n'ibindi.

**I. Intangiriro**

Umwarimu abaza abanyeshuri ibibazo bijyanye n’umwandiko baheruka gusoma akababazaho ibibazo bibinjiza mu isomo ryo kumva umwandiko.

**Urugero rw’ibibazo yabaza n’urugero rw’ibisubizo:**

**a) Umwandiko duheruka kwiga witwa ngo iki?**

Ummukobwa wo mu gisabo.

**b) Muri rusange uvuga ku biki?**

Uvuga ukuntu umukobwa wo mu gisabo yaje guhinduka umugore w’umwami.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no kumva umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo kumva umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko “Umukobwa wo mu gisabo” maze usubize ibibazo byawubajijweho.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byo kumva umwandiko:**

a) **Uyu mwandiko ni bwoko ki?**

Ni umugani muremure.

b) **Umugore wategetswe iki n’umupfumu?**

Umupfumu yabwiye umugore ko nasama inda azajya ayuhagiza amata, akayisiga amavuta, ngo ntazayikoze amazi, kandi ntakage ku zuba. Ngo nabyara umwana, na we

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'ubutumwa bugufi. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'ubutumwa bugufi..*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Ubutumwa bugufi**

**Inshoza y'ubutumwa bugufi**

Ubutumwa bugufi ni inyandiko umuntu akora, yoherereza uwo yandikira amakuru cyangwa ayamusaba.

**Uturango tw'ubutumwa bugufi**

Ubutumwa bugufi burangwa no kuba ari bugufi, burasa ku ntego. Uwandika agomba kuvuga ibiri ngombwa gusa. Bukaba bukunze gukoreshwa kuri terefoni no kuri mudasobwa ifite "interinet" cyangwa hifashishijwe imbuga nkoranyambaga.

**Umwitozo ku butumwa bugufi**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora u**mwitozo ku butumwa bugufi** uri mu gitabo cyabo, buri munyeshuri agakora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, agatanga inyunganizi aho biri ngombwa.

**Ikibazo:**

Andikira umubyeyi wawe ubutumwa bugufi, umubwira ibyo ukeneye ku ishuri.

**Urugero rw'igisubizo:**

Umwarimu areba ko buri munyeshuri yanditse ubutumwa bugufi bwujuje ibisabwa.

### 7.4.3. Ibaruwa isanzwe (ya gicuti)

**Isomo rya gatandatu: Ibaruwa isanzwe (ya gicuti)**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Kugaragaza inshoza n'uturango by'izina mbonera ry'iritirano.<br>- Gutahura amazina mbonera y'amatirano mu nteruro cyangwa mu mwandiko.<br>- Gukoresha amazina mbonera y'amatirano mu nteruro mbonezamvugo. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu aha abanyeshuri igika cy'umwandiko akabasaba gukora igikorwa kijyanye n'amazina mbonera y'amatirano.

**Igikorwa**

Soma igika gikurikira maze ugaragaze niba harimo amazina atari umwimerere mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Umugore n'umugabo bakwiye kumenya ko igihe abana babo bagiye ku ishuri bagomba kubagurira amakayi, amakaramu n'ibikapu. Abana bajya ku ishuri bateze imodoka, amagare, moto n'ibindi.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**

Muri iki gika harimo amazina atari umwimerere mu Kinyarwanda ari yo: ishuri, amakayi, amakaramu, ibikapu, imodoka, amagare, moto n'ibindi.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga izina mbonera ry'iritirano.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n'uturango by'izina mbonera ry'iritirano bashake ingero zaryo banazikoreshe mu nteruro. Bahe igihe cyo gukora icyo

gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'izina mbonera ry'iritirano utange ingero zaryo unazikoreshe mu nteruro ziboneye.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y'izina mbonera ry'iritirano**

**Izina mbonera ry'iritirano** ni izina mbonera ariko rikaba ritari umwimerere mu rurimi rw'Ikinyarwanda ahubwo rikomoka mu ndimi z'amahanga.
Ingero: imodoka, umushoferi, ishuri, igikapu...
**Uturango tw'izina mbonera ry'iritirano**

Izina mbonera ry'iritirano rirangwa n'uko riba ari rimwe, rikaba atari umwimerere mu Kinyarwanda, ryaratiwe mu zindi ndimi. Iyo rigeze mu Kinyarwanda rishobora gufata intego y'amazina mbonera gakondo.

**Ingero z'interuro zikoreshejemo amazina mbonera y'amatirano:**

1. **Umuryango** wubahiriza uburinganire n'ubwuzuzanye ugira amahirwe mu **buzima**.
2. **Igiti** kigororwa kikiri gito.
3. **Imirimo** yo mu **rugo** ikwiye gukorwa na bose.
4. Ni byiza kurera utavanguye **ibitsina**.

**Imyitozo ku izina mbonera ry'iritirano**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora imyitozo ku mazina mbonera y'amatirano. Buri munyeshuri akora ku giti ke, akabakosora areba niba isomo ryumvikanye, yasanga agomba gutanga ibindi bisobanuro bigatangwa.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**a) Gusoma bucece**

Saba abanyeshuri gusoma umwandiko bucece badahwihwisa hanyuma ubabaze ibibazo byo kugenzura ko basomye.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**1.**

**b) Gusoma baranguruye**
Somera abanyeshuri by'intangarugero ugaragaza isesekaza hanyuma ubasabe gusoma baranguruye basimburana. Genda ubakosora aho basoma nabi kandi wita ku banyeshuri bafite ibibazo byihariye. Fasha buri wese bitewe n'ikibazo afite.

**c) Gusobanura amagambo**
Shyira abanyeshuri mu matsinda. Saba abanyeshuri gukora igikorwa kijyanye n'inyunguramagambo kiri mu gitabo cyabo ubahe n'igihe cyo kugikora. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**
*Soma umwandiko "Imibanire y'abagize umuryango" usubize ibibazo by'inyunguramagambo byatanzwe.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza ibisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byanogejwe:**

**Inyunguramagambo**

**1.**

**Umwitozo wo gukoresha amagambo mu nteruro**

**Isomo rya**

| **Intego zihariye** |
|---|

**Urugero rw'ibibazo yabaza n'urugero rw'ibisubizo:**

**a) Ni uwuhe mutwe w'umwandiko duheruka kwiga?**

Imibanire y'abagize umuryango.

**b) Uwo mwandiko uvuga ku ki?**

Uvuga uko abagize umuryango bumvikana kuri gahunda z'ibikorwa by'iterambere.

**c) Ushima iki iyo mibanire?**

Nshima ko ubufatanye n'ubwumvikane mu muryango bizana inyungu mu muryango.

**II. Uko isomo ryigishwa**

**Gusoma no gusesengura umwandiko**

Shyira abanyeshuri mu matsinda. Bahe igihe cyo kongera gusoma umwandiko uri mu gitabo cyabo no gusubiza ibibazo byo gusesengura umwandiko. Gendagenda mu matsinda ureba uko abanyeshuri bakora icyo gikorwa.

**Igikorwa**

*Soma umwandiko "Inshingano z'abagize umuryango" maze usubize ibibazo byo gusesengura umwandiko byatanzwe.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma ibisubizo by'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo:**

**a)**

**Isomo rya : Umwitozo w'ubumenyi ngiro:**

| **Intego zihariye** |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusesengura insanganyamatsiko yatanzwe no kuyunguranaho ibitekerezo mu bwubahane.<br>- Kuvugira mu ruhame ashize amanga, atanga ibitekerezo bye. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

**Imfashanyigisho**: Igitabo cy’umunyeshuri, igitabo cy’umwarimu, ibitabo by’ikibonezamvugo n'ibindi.

**I. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri gukora igikorwa kiri mu bitabo byabo kijyanye n’inteko z’amazina.

**Igikorwa**

Soma interuro zikurikira zirimo amazina yanditse mu nyuguti z’ibara. Kuri buri nomero ushake andi mazina byisanisha kimwe bitewe n’ubundi bwoko bw’amagambo bifatanyije kurema interuro.

1)

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw’ibisubizo:**

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga inteko z’amazina.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n’uturango by’inteko z’amazina bashake n’ingero z’amazina ari mu nteko zinyuranye. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Kora ubushakashatsi utahure inshoza n’uturango* by’inteko z’amazina.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

| |
|---|
| Ubushobozi bwo:<br>- |

Ifashishe ibibazo biri mu gitabo cy'umunyeshuri hanyuma utegurire abanyeshuri isuzuma. Saba abanyeshuri kwitegura gukora isuzuma risoza umutwe wa mbere buri wese ku giti ke.

**Urugero rw'ibibazo by'isuzuma n'ibisubizo byabyo:**
**I. Ibibazo byo kumva no gusesengura umwandiko**

**1.**

**1.6. Ibikorwa by'inyongera**

• **Imyitozo nzamurabushobozi**

• **Imyitozo nyagurabushobozi**

Umwarimu agena imyitozo ihabwa abanyeshuri bihuta cyane mu myigire yabo, mu rwego rwo kubafasha kurushaho gucengerwa n'ibikubiye mu mutwe bamaze kwiga.

**Urugero rw'ibibazo n'ibisubizo byatangwa:**

• Imyitozo y'inyongera

**Ibibazo byo kumva kurushaho ibaruwa**

1. **Ni iyihe mpamvu yatumye Mutimukeye yandika ibaruwa?**
   Yagira ngo abwire iwabo amakuru ye anababaze ayo mu rugo.
2. **Vuga ikintu cyamutonze kurusha ibindi akigera ku ishuri.**
   Icyamutonze kurusha ibindi ni ukwiraza ku gitanda.

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ibikorwa bikurikira. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Mukore ubushakashatsi mutahure inshoza yo gutarama n'amwe mu moko y'igitaramo.*
Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**GUTARAMA**

**1. Inshoza yo gutarama**

Gutarama ni ukuganira hagati y'abantu bishimye, bishimanye, bisanzuranyeho kandi bakaganira batebya, bagasetsanya bagamije kudakomeretsanya kandi ntibarambirwe. Gutarama wari umuco mwiza ku bato n'abakuru dore ko wabafashaga kumenya imitekerereze y'abandi, kunguka uumenyi bushya ndetse no kumenyeramo umuco w'abakuze.

Iyo gutarama byatindaga, byavagamo **inkera** aho abataramye basangiraga amarwa,inzoga z'igitaramo nuko bigatinda cyangwa bugacya. Akenshi mu nkera ni ho haberaga guhiga no kwivuga (igitaramo cyo kuvuga amacumu).

**2. AMOKO Y'IBITARAMO**

**IGITARAMO CY'UMURYANGO**

Igitaramo cyashoboraga kubera mu muryango muto (urugo) cyangwa mugari. Muri icyo gitaramo haba mu rugo cyangwa mu muryango, abana bataramanaga n'ababyeyi bakaganira ndetse bagasabana.

Ni mu gitaramo cy'umuryango abana bamenyeraga amasano bafitanye, bakamenya indangagaciro na kirazira by'umuryango, bakamenya uko inka z'umuryango zitwa, bakamenya abasekuruza babo, intwari z'umuryango n'ibindi. Muri make ni mu gitaramo cy'umuryango Umunyarwanda yamenyaga uwo ari we, akamenya inkomokoye n'inkomoko y'ibyo atunze, abana bagahabwa uburere bubereye umuryango bavukamo.

Mu gitaramo cy'umuryango kandi habagamo guhiga, abana biyemeza imbere y'ababyeyi n'umuryango kuzagera kuri byinshi kandi byiza. Iyo babaga bageze ku byo bahize ni mu gitaramo cy'umuryango bivugga ibigwi.

**IGITARAMO CY'UBURERE MBONERAGIHUGU**

Ni igitaramo cyagutse cyahuzaga imiryango itandukanye, bagataramira ku mukuru w'umusozi, bahuriye mu itorero ryitwaga "itorero ryo ku musozi".
Muri icyo gitaramo kigiragamo amateka yaranze u Rwanda n'abami barutegetse. Intore zamenyaga intwari z'u Rwanda bakibanda cyanecyane ku zikomoka muri ako gace. Intore kandi zanamenyaga ibigwari byababayeho mu mateka y'u Rwanda kugira ngo zirinde kugenza nka byo.
Ni muri ayo matorero yo ku misozi itandukanye havagamo abantu b'indashyikirwa bakajya kurema "amatorero y'abatware". Mu matorero atandukanye y'abatware, abitwaye neza kurusha abandi baratoranywaga bakajya kurema "itorero ry'ibwami".

**IGITARAMO CY'UMUGANURA**

Ni igitaramo cyaberaga ku nzego zose z'imiyoborere, kuva ibwami, ku batware, abakuru b'imiryango kugeza ku rwego rw'urugo.
Umuganura wari umuhango ukomeye haba ibwami haba no muri rubanda. Ku munsi w'umuganura umwami yaganuraga imyaka iturutse i Huro (Bumbogo). Uwo muhango wo kuganura wahumuza hagakurikiraho ibirori by'umuganura.
Muri ibyo birori umwami yamurikirwaga umusaruro unyuranye w'Abanyarwanda bavuye impande zose z'Igihugu, hakaba amarushanwa atandukanye y'ibintu by'indashyikirwa mu ngeri zose, maze Abanyarwanda bose bakaboneraho kuganura mu ngo zabo no kwishimira ibyiza byagezweho.
Nyuma y'ibirori by'umuganura buri mutware ibwami bamuhaga ibyuhagizo byo kuhagira(gutanga umugisha) inka, imirima n'abantu yayoboraga, na we akajya kwishimana n'abaturage ku musozi ayoboye ari nako abagezaho umugisha w'umwami.
Kuri uwo munsi w'umuganura kandi imiryango nay o yarateranaga maze umutware w'umuryango akayobora imihango n'ibirori byayikurikiraga. Cyaraziraga kugira uwo wima cyangwa uheza ku munsi w'umuganura, buri wese yagombaga kugira umuturanyi asura.
Ibirori by'umuganura byasozwaga n'igitaramo cy'umuganura, maze abatware bagahiga imbere y'umwami, abana imbere y'ababyeyi. Ni muri icyo gitaramo kandi havugirwagamo ibigwi maze abesheje imihigo bakagororerwa maze ibigwari bikagawa.

**IGITARAMO NJYARUGAMBA N'IGITARAMO MVARUGAMBA**

Igitaramo njyarugamba cyari igitaramo kibanziriza urugamba cyangwa se ikindi gikorwa gikomeye, umwami, umutware cyangwa umukuru w'umuryango babaga bagiye gutangiza.

Abantu bahuriraga hamwe maze bakarebera hamwe ingamba z'urugamba cyangwa igikorwa gikomeye kigiye gukorwa. Buri wese mu babaga bateraniye aho yagiraga icyo yiyemeza gukora kugira ngo Igihugu cyangwa umuryango bizarangize ibyo biyemeje.
Naho igitaramo mvarugamba cyari igitaramo cyo kuvuga amacuu y'urugamba rwarwanywe, cyangwa igikorwa gikomeye cyakozwe.

**IGITARAMO NSINGIZANGOMA/NYIZIHIZANGOMA**
Ni igitaramo cyaberaga ibwami cyangwa ku mutware runakahagamijwe kwerekana ibyiza ingoma iriho igenda ikorera abaturage. Muri icyo gitaramo akenshi abaturage basingizaga ubutwari n'ibikorwa by'indashyikirwa ubuyobozi bwabo bwabakoreye uhereye ku bayobozi babegereye kugeza ku bayobozi bo hejuru.
Icyo gitaramo cyabaga gifite intego nyamukuru yo guhuza rubanda n'ubutegetsi.

**KUGANURA**
Umuganura ni umuhango wabaga ku mwero w'amasaka, maze Abanyarwanda bagashimira Imana n'abakurambere umusaruro babahaye. Abana bahuriraga ku mukuru w'umuryango maze bakaganura amasaka n'izindi mbuto nkuru ari zo uburo, inzuzi n'isogi ariko bakongeraho n'ibindi byose byabaga byeze muri icyo gihe. Bamara kuganura bagakora ibirori byo kwizihiza umuganura bagasabana.
Muri ibyo birori habagamo igikorwa cyo guhiga no gusuzuma intambwe umuryango wateye mu bijyanye n'ubukungu. Ikindi kandi, ibirori byo kwizihiza umuganura cyanecyane amarushanwa yabaga abiherekeje, byagiraga uruhare runini mu kongerera agaciro bimwe mu byari bigize ubuzima bw'Abanyarwanda: imbyino, imitako, inka, imyaka n'ibindi.

### 8.4.5 Ikinyazina nyereka

**Isomo rya cumi na kabiri: Inshoza, uturango n'intego by'ikinyazina nyereka**

| |
|---|
| by’ikibonezamvugo n'ibindi. |

**I. Intangiriro**

Umwarimu asaba abanyeshuri gusoma utwandiko turi mu bitabo byabo hanyuma bakore ibikorwa bikurikira:
Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Ibikorwa n’ibisubizo:**

**1**. Mwitegereje two twandiko murabona turangwa n’iki?

Utu twandiko turangwa n’isubirajwi, isubirajambo ndetse n’injyana

**2. Uhereye ku bituranga utwo twandiko watwita ngo iki??**

Natwinda uturingushyo.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga uturingushyo.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gutahura inshoza n’uturango by’uturingushyo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*“Kora ubushakashatsi utahure inshoza n’uturango by’uturingushyo”.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Inshoza y’uturingushyo**

Uturingushyo ni utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko ukuri bafite ku mutima bakakuvugira muri ayo mashyengo.

**Uturango tw’uturingushyo**

Uturingushyo turangwa n'utuvugo tugufiya abasizi bahimbiraga gushyenga, ariko

**Soma interuro zikurikira wi**tegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'ibara maze utahure **icyo yerekezaho.**

a) Imboga ni **zo** zitanga ibirinda indwara.
b) Kayitesi **we** asobanukiwe akamaro k'imboga.
c) Akarima k'igikoni **ko** gatuma imboga rwatsi ziribwa zigisoromwa.
d) Abanyamugi, ntawurya imboga nka **bo**.
e) **Nge** na **we** ntidusa n'abatarya imboga.
f) Imboga zera ahantu **hose** mu Rwanda.
g) Iyo ifumbire ishize mu karima k'igikoni umuntu yongera**mo** indi.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**

Aya magambo yanditse mu ibara yerekeza kuri nyakuvuga, nyakubwirwa cyangwa nyakuvugwa.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikinyazina ngenga.

### II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ubushakashatsi batahure inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenga, banagaragaze intego yacyo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

### Igikorwa

Kora ubushakashatsi utahure inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenga, banagaragaze intego yacyo.

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize amatsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

### Ibisubizo byanogejwe:

**Ikinyazina ngenera**

**Inshoza y'ikinyazina ngenga**

| |
|---|
| Nyuma y'iri somo umunyeshuri araba ashobora:<br>- Gusobanura inshoza y'ikinyazina ngenera ngenga.<br>- Gutahura uturango no kugaragaza intego y'ikinyazina ngenera ngenga. |
| **Imfashanyigisho**: Igitabo cy'umunyeshuri, igitabo cy'umwarimu, ibitabo by'ikibonezamvugo n'ibindi. |

### I. Intangiriro

Umwarimu yifashishije interuro zirimo ikinyazina ngenera ngenga, asaba abanyeshuri kwitegereza amagambo yanditse mu nyuguti z'ibara, bagatahura imikoreshereze y'ikinyazina ngenera ngenga.

### Igikorwa

Itegereze amagambo yanditse mu nyuguti z'ibara maze utahure **imikoreshereze yayo mu nteruro.**

1. Tugiye guharanira kubungabunga ubuzima **bwacu** duhashya indwara z'ibyorezo.
2. Niba kandi hari ibiribwa tuzi byahumanye, bayobozi murashishikarizwa kubuza icuruzwa **ryabyo**.
3. Ibyo bituma mbere na mbere hamenyekana imvano y'indwara n'uburyo **bwayo** bwo gukwirakwira.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

### Urugero rw'ibisubizo:

**Aya magambo a**huriye ku nyito yo kwerekana utunze n'icyo atunze kandi yunze ikinyazina ngenera n'ikinyazina ngenga.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ikinyazina ngenera ngenga.

### II. Uko isomo ryigishwa

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe gukora ubushakashatsi batahure inshoza n'uturango by'ikinyazina ngenera ngenga, banagaragaze intego yacyo. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**3. Ibaze** ikibazo maze wisubize. / Ino nkoko **ibaze** neza, ntikurushya kuyiteka.

Igihe yabahaye kirangiye, abanyeshuri bagaragaza ibyo bakoze, umwarimu agafatanya na bo kunoza no kuzuza ibisubizo bitanzwe.

**Urugero rw'ibisubizo:**
Muri buri nteruro muri izi, igice cya mbere kirimo umugemo uvugwa ubanguka naho igice cya kabiri kikabamo umugemo uvugwa utinda.

Umwarimu abwira abanyeshuri ko bagiye kwiga ubutinde bw'imigemo.

**II. Uko isomo ryigishwa**

Shyira abanyeshuri mu matsinda, ubasabe kwibukiranya inshoza y'umugemo no gutahura inshoza y'ubutinde bw'umugemo n'uko basoma bakanandika imigemo itinda. Bahe igihe cyo gukora icyo gikorwa. Gendagenda mu matsinda ureba ko abanyeshuri basobanukiwe ibyo bagomba gukora kandi utanga ubufasha aho bukenewe.

**Igikorwa**

*Ibukiranya na bagenzi bawe inshoza y'umugemo, hanyumaukore ubushakashatsi utahure inshoza inshoza y'ubutinde bw'imigemon n'uko basoma bakanandika imigemo itinda.*

Igihe wabahaye kirangiye, saba abanyeshuri kumurika ibyo bakoze. Fatanya n'abagize matsinda kunoza no kuzuza bisubizo byatanzwe hanyuma iby'ingenzi byandikwe ku kibaho, abanyeshuri bose babyandike mu makayi yabo.

**Ibisubizo byanogejwe:**

**Ubutinde bw'imigemo**

**Inshoza y'umugemo**

Umugemo ni ijwi cyangwa urwunge (urusobe) rw'amajwi bisohokera icyarimwe uko umutu abumbura umunwa avuga ijambo. Umugemo ushobora kuba inyajwi iyo itangira ijambo. Ariko ingombajwi, n'ibihekane ntibishobora kurema umugemo batabitwereye inyajwi. Bityo rero usanga inyajwi ari yo shingiro ry'umugemo.
**Urugero:**
**–** Umugabo **u-mu-ga-bo** iri jambo rifite imigemo ine.
**–** Impaka **i-mpa-ka** iri jambo rifite imigemo itatu.
**Ikitonderwa**: Dukurikije inyuguti zigize umungemo, mu Kinyarwanda tubona amoko atatu y'imigemo ari yo:

